**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**

**KARONGI**

# ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA.

**Umwaka wa 2017, umunsi wa 05, ukwezi k' UKUBOZA.**

Twebwe **NSENGIYUMVA Félicien**, Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa KARONGI
Dufashijwe na **UWIZEYEMUNGU Honorée** umwanditsi warwo ;

Tumaze kubona ko kuwa **05/05/2017** Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Karongi bwaregeye uru Rukiko dosiye **00050/IPRCLKARO/201EM/ANS** buregamo **NIZEYIMANA Faustin , NSENGIYUMVA Félicien, MUKESHIMANA Vestine, SIBORUREMA Martin na TWAGIRAYEZU Marcel** icyaha gukubita no gukumeretsa umuntu bikamuviramo ubumuga bwa burundu, dosiye muri uru Rukiko ikaba yarahawe nimero **RP 00090/2017/TGI/KNG** ;

Tumaze kubona ko uwitwa **SIBORUREMA Martin** mwene MUNYANEZA Laurent na NYIRABAVAKURE Margarita wavutse mu 1989 utuye mu mudugudu wa **Kamutambiro**, Akagali ka **Mataba**, Umurenge wa **Gihango,** Akarere ka **RUTSIRO**, Intara **y'IBURENGERAZUBA**, atigeze afatwa ndetse ngo anabazwe ku birebana n'icyaha akurikiranyweho, ahubwo akaba yaratorotse ubutabera.

Tumaze kubona ko **SIBORUREMA Martin** adafite aho abarizwa hazwi kandi akaba agomba kuburanishwa.

Dushingiye ku ngingo ya 212 n' iya 213 z'itegeko nomero 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha nk'uko ryavuguruwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu ;

Dutegetse ko **SIBORUREMA Martin** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi kuwa **09/01/2018** saa mbili za mu gitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba hagafatwa ko yasuzuguye amategeko.

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru **imvaho nshya** mu gihe cy'iminsi umunani (8 jours) kandi kikamanikwa, ku biro by'Umurenge wa **Gihango,** no ku biro by'Akarere ka **RUTSIRO**.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuva umunsi cyafashweho.

Bikorewe i Karongi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**NSENGIYUMVA Félicien**
**Perezida**

**UWIZEYEMUNGU Honorée**
**Umwanditsi**